

# *Rinda Umwana Wawe Indwara ya Hepatite B*

Ubwandu bwa Virusi itera Hepatite B buri mu muntu utwite bushobora kwanduzwa umwana we ari kuvuka. ***Porogaramu yo Kwirinda Indwara ya Hepatite B mu Ibyara i San Diego*** ikorana n'imiryango n'abaganga kugira ngo bakore ibishoboka umwana abe arinzwe hakiri kare.

## *Isuzuma ry'Ibanze*



- Muganga wawe azagupima indwara ya hepatite B mu gihe utwite. Gupima ni inama ugirwa mu gihe cyose utwite, nubwo waba warigeze gupimwa mbere y'ubwo.
- Iyo upimwe ugasanganwa indwara ya hepatite B, uzandikwa muri Porogaramu yo Kwirinda Indwara ya Hepatite B mu Ibyara nta kiguzi utanze. Iyi porogaramu itandukanye n'ubuvuzi bwawe busanzwe, ubwo uzakomeza guhabwa na muganga wawe n'itsinda ry'abavuzi b'inzobere b'ibitaro.



## *Serivisi zitangwa muri Porogaramu*

- Umuforomo ushinzwe imicungire ya dosiye azaguhamagara kandi akubaze ibijyanye n'itwita ryawe ndetse aguhe amakuru yerekeye porogaramu.
  - Ibaruwa nayo izakohererezwa hamwe n'umwirondoro wahamagaraho umuforomo ushinzwe imicungire ya dosiye n'izindi mfashanyigisho.
- Umuforomo ushinzwe imicungire ya dosiye yawe azakorana nawe hamwe n'itsinda rishinzwe ubuvuzi bwawe kugira ngo bakore ibishoboka umwana wawe ahabwa inkingo ndetse apimwe nk'uko bikwiye, ndetse bahe abandi bantu imfashanyigisho.

## *Inkingo n'Ibyo Gupima*



Umwana wawe akwiye guhabwa:

- Urukingo rw'indwar ya hepatite B n'urw'indwara ya hepatite B Globulin (Hepatitis B Immune Globulin, HBIG) mu gihe kitarenze amasaha 12 nyuma yo kubyara kugira ngo uhabwe uburinzi bwisumbuyeho.
- Dozi 3- 4 zisigaye z'urukingo rw'indwara ya hepatite B nk'uko biteganyijwe.
- Ipimwa ry'amaraso nyuma yo gukingirwa (Post-Vaccine blood Test, PVST) kugira ngo hemezwe niba umwana wawe afite ubwirinzi kandi ko atarwaye indwara ya hepatite B.
- Gupima cyangwa kuvurwa byisumbuyeho, niba bikenewe.

***Tuvugishe!***

- Sura kuri murandasi Porogaramu yo Kwirinda Indwara ya Hepatite B mu Ibyara.
- Imeri PHS-PerinatalHepB.HHSA@sdcounty.ca.gov.
- Hamagara 866-358-2966 hanyuma uhitemo 'uburyo bwa 5' kugira ngo uvugane n'Umuforomokazi ushinzwe Ubuzima Rusange.

COUNTY OF SAN DIEGO HEALTH AND HUMAN SERVICES AGENCY

LIVE WELL SAN DIEGO

3/3/2026